YUBILE Y'IMYAKA MIRONGO ITANU
PARUWASI YA KIBUYE IMAZE ISHINZWE
Kibuye, ku wa 30/10/2011

Basaserdoti
Bihayimana
Bakristu, Ncuti za Paruwasi ya Kibuye,

Kristu Yezu akuzwe.

Ku itariki ya 21 Ugushyingo 2010, twateraniye ku nkombe y'ikiyaga cya Kivu mu Gitambo cya Misa kugira ngo twinjize Paruwasi ya Kibuye mu rugendo rurerure rutagatifu rw'umwaka wa Yubile. Muri icyo Gitambo cya Misa hatanzwe Isakramentu ryo gukomezwa.

Inkombe y'ikiyaga cya Kivu yatwibukije inkombe y'ikiyaga cya Tiberiya aho Yezu amaze kuzuka yiyeretse abigishwa be, akabaza Petero gatatu kose niba amukunda koko kurusha abandi bigishwa. *"Simoni mwene Yohani, urankunda kurusha aba ngaba?" "Simoni mwene Yohani, urankunda?" "Simoni mwene Yohani, urankunda?" (Yohani 21, 15-19)* Tuzi ibisubizo bya Simoni Petero, umurinzi wa Paruwasi yanyu ya Kibuye. *" Yego , Nyagasani, uzi ko ngukunda…, yego, Nyagasani, uzi ko ngukunda…, Nyagasani, uzi byose , uzi ko ngukunda…"*

Simoni Petero yasubije amaso inyuma yibuka rya joro yihakanye Yezu gatatu kose, yumva ko yahemukiye Yezu kandi yaramukundaga, Yezu watumye asiga byose akamukurikira, maze acisha make, asubira mu mwanya we. Ukwicisha bugufi kwe kwatumye Yezu amubabarira, amwereka ko akimufitiye ikizere. Nibwo amuragije Kiliziya Ye igizwe n'ingeri zose z'abantu batanganya intege, batageze ku gipimo kimwe cy'ubutagatifu. *"Ragira abana b'intama zanjye…; Ragira intama zanjye…"*

Kuzirikana ku mbabazi Yezu yagiriye Simoni Petero byatwinjije mu mwaka wa Yubile ya Paruwasi ya Kibuye, bitwibutsa ibyanditswe mu gitabo cy'Abalevi bigira biti: *"Ku munsi mukuru w'imbabazi, niho ihembe rizavuga mu gihugu cyanyu cyose. Muzatangaze mu gihugu cyanyu ko uwo mwaka wa mirongo itanu, ari mutagatifu, kandi ukaba uwo guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage bose." (Lev. 25, 9-10).* Imbabazi za Yezu zabohoye Petero, zimusubiza mu bandi bigishwa ntapfunwe, maze aba koko rwa rutare Yezu yubakiyeho Kiliziya Ye. *"Nkubwiye ko uri urutare, kandi kuri urwo rutare*

nzubakaho Kiliziya yanjye, n'ububasha bwo mu kuzimu ntibuzayitsinda." (Mt 16,18)

Yubile y'imyaka mirongo itanu wari umwanya ukomeye wasabaga aba Israheli gusubiza ibintu mu buryo mu mibanire yabo no mu mibanire yabo n'Imana. Imyaka mirongo itanu ntabwo ari mike muri sosiyete iyo ariyo yose; ibyara ibyiza ikabyara n'ibibi. Twe Abanyarwanda turabizi bihagije iyo turebye amateka y'Igihugu cyacu muri iyi myaka mirongo itanu ishize.

Yubile y'imyaka mirongo itanu wari umwanya ukomeye wo kurangamira Uhoraho no kwibuka ibitangaza Imana yakoreye umuryango wa Israheli. Kwibagirwa uwagukijije akuvana ahabi ni ikintu kibi mu buzima. Kurengwa kugeza aho wibwira ko uri akataraboneka cyangwa indakoreka ni ubucucu bukabije. Kurengwa kugeza aho wibwira ko ari wowe wibeshejeho, maze ukibagirwa Imana ni akaga.

Yubile y'imyaka 50 yahaga abana ba Israheli umwanya wo gusubiza ibintu mu buryo bibuka ko bose bagize umuryango umwe, ko bose ari abavandimwe, bafite umubyeyi umwe, Imana ihoraho igasumba byose, itihanganira uburenganwe, ubupfukiranwe bizanwa n'abantu. Abari barigaruriye imirima n'isambu by'abandi kubera ubushobozi bwabo bagombaga kubisubiza benebyo. Abari barahinduye abandi abacakara kubera impamvu zinyuranye bibutswaga ko Imana itabishyigikiye. *"Koko rero, abo nakuye mu gihugu cya Misiri ni abagaragu banjye. Ntibishoboka rero ko bagurishwa nk'abacakara. Muzirinde kubategekesha igitugu, bityo muzaba mutinye Imana yanyu. (Lev. 25, 42-43) "Abayisraheli n'abagaragu banjye. Ninjye wabakuye mu gihugu cya Misiri; bagomba rero kuba arijye gusa babera abagaragu. Ndi Uhoraho Imana yanyu." (Lev 25, 55)*

Ku bana ba Israheli Yubile ntagatifu y'imyaka mirongo itanu yasubizaga mu buryo bunoze imibanire yabo, igakemura impaka nyinshi, ikarwanya akarengane katabura aho abantu bari, igasubiza agaciro abari barakavukijwe kubera ko batishoboye, ikongera ikubaka ubumwe bushingiye ku cyubahiro n'igitinyiro bafitiye Imana, Umubyeyi wabo. Hahirwa abatinya Imana mu mibereho yabo.

Bakristu bavandimwe,

Nk'uko nabivuze hejuru, imyaka mirongo itanu ntabwo ari mike mu mibanire y'abantu, isiga ibyiza, igasiga n'ibindi bikocamye rimwe na rimwe bibabaje, bikabangamira ubuvandimwe bwacu. Isiga

ibyishimo ku byiza byagezweho igasiga n'ibikomere ku mutima kuri bamwe. Amateka ya Paruwasi yanyu muri iyi myaka mirongo itanu yaranzwe n'ibintu binyuranye harimo ibyiza, harimo n'ibibi bikwiye gusabirwa imbabazi no gutangirwa imbabazi kugira ngo Yubile yanyu ibe koko umwanya wo guhimbaza ukubohorwa kwanyu. Ni mureke ububasha bwa Yezu waducunguye bubohore imitima yanyu. Nimukundire Imana, mureke ibigarurire. Pawulo intumwa niwe ugira ati*: "Ubu rero duhagarariye Kristu; nk'aho Imana ubwayo yabashishikarije muri twe . Ngaho rero, turabinginze mu izina rya Kristu: nimureke Imana ibigarurire!" (2 Kor. 5,20)* Kenshi mu buzima bwacu turangwa no kuba ba renzaho. Icyo gihe tuba tugendana imitima iboshye kandi iremerewe. *"Nimungane mwese, abarushye n'abaremerewe, jye nzabaruhura." (Mt. 11,28)*

Bakristu , bavandimwe,

Gusoza Yubile y'imyaka mirongo itanu Paruwasi ya Kibuye imaze ishinzwe, bihuriranye no gusoza ihimbaza ry'imyaka icumi Diyosezi ya Nyundo imaze ishoje sinodi idasanzwe. Diyosezi yose yinjiye mu rugendo rutagatifu tuzasoza ku itariki ya 20 Ugushyingo. Paruwasi ya Kibuye nayo yinjiye muri urwo rugendo rwayifashije gutegura neza Yubile y'imyaka mirongo itanu.

Dushoje Sinodi idasanzwe twihaye icyerekezo gikubiye mu mihigo y'abavandimwe, indirimbo abakristu bose ba Diyosezi yacu bazi. Twiyemeje kubakira ubukristu bwacu ku isano isumba iy'amaraso, isano dukomora kuri Data wa Twese, Umubyeyi wacu ukunda abe bose kandi wifuza ko abana be babana kivandimwe. Twiyemeje kubaka ubuvandimwe nyabwo. Twiyemeje kuba urumuri rumurikira abandi. Twiyemeje kwimakaza ubumwe bw'abana b'Imana. "*Ku bica hirya ni ugutana."*

Nk'uko Pawulo Intumwa abivuga: *"Abayoborwa na Roho w'Imana, abo nibo bana b'Imana. Kandi rero ntimwahawe Roho y'ubucakara ibasubiza nanone mu bwoba, ahubwo mwahawe Roho ibagira abana bishingiwe kibyeyi, igatuma dutera hejuru tuti "Abba! Data!" (Rm 8,14-15)*

Bakristu ba Paruwasi ya Kibuye, ari abahatuye, ari abahavuka batuye ahandi, uyu ni umwaka wa Yubile yanyu, ni umwaka wo guhimbaza ukubohorwa: Kubohorwa ku nzitizi zibangamira ubuvandimwe bwanyu, kubohorwa ku bwoba bubyara kwishishanya, kubohorwa ku myumvire mibi y'ubukristu. Nk'uko Pawulo Intumwa abidushishikariza*: "Nitwiyake ibikorwa by'umwijima maze twambare*

intwaro z'urumuri: "Tugendane umurava nk'abagenda ku mugaragaro amanywa ava..." (Rm 13,12-13).

Paruwasi ya Kibuye, nkwifurije kudacika intege ngo ugire ipfunwe. Kristu amizero yawe ni muzima. Ni we mbaraga zawe, ni we byishimo byawe, ni We urangamiye. Ntabwo azaguterera bibaho. Urakaba umusemburo w'ubusabane.

Mugize umuryango umwe w'abemera, nimufatane urunana nk'abana b'urumuri. Ukaristiya muhabwa mu Gitambo cya Misa nibabere igihango cy'ubuvandimwe n'ikimenyetso cy'ubusangirangendo. Erega turi mu rugendo rugana Imana.

Bakristu ba Paruwasi ya Kibuye namwe bakristu bo mu karere k'Iyogezabutumwa bwa Kibuye, mbararikiye kujya mugaruka kenshi k'umurage ukomeye Yezu yasigiye abigishwa araye ari budupfire: "Mbahaye itegeko rishya: *"nimukundane, kandi mukundane nk'uko nabakunze. Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, ni urukundo muzaba mufitanye."(Jn 13,34-35)* Pawulo Intumwa nawe ashimangira umurage w'urukundo ugomba kuranga uwitwa umuyoboke wa Kristu igihe agira ati: *"N'aho navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, naba ndi nk'icyuma kibomborana cyangwa inzogera irangira." (1 Kor 13,1)* Urukundo dufitiye abavandimwe bacu ni igipimo kidakuka cy'ubukristu bwacu. Kuba umukristu w'ukuri ntabwo byoroshye, ni intambara ya buri munsi. Mana Mubyeyi wacu twese, dutsindire inzangano, n'inzika dutoze kwimika urukundo ruzira uburyarya, maze ineza itsinde inabi mu mibanire yacu.

Mbifurije mwese Yubile nziza kandi mbaragije Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene. Mutagatifu Petero Intumwa, Umurinzi wa Paruwasi yanyu, nababere urugero rwo gukurikira Yezu n'umutima wanyu wose nta buryarya.

AMINA.

+ Alexis HABIYAMBERE, S.J,
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.